Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Mata / April 2021 *Ikinyarwanda*

Mbega ukuntu imitima yacu yari yuzuye ibinezaneza!

(Lk 24,32)

Gumana na Yezu mu rugendo!
Keep Jesus on board!

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Iyo minsi yamubereye idasanzwe. Kimwe n'abandi bari mu itsinda ry'abakurikiraga Yezu, na we yari yaramushyizemo amizero ye yose. Imigambi ye yose ya kera yari yarayifashije hasi ahitamo gukurikira Yezu. Inyigisho ze zari zaramufunguriye izindi nzira nshya z'icyerekezo cy'ubuzima. Gusa imyatwarire ye ntiyashimishaga abakuru b'idini. Yezu yari yarabumvishije ko umurongo w'idini ryabo nta shingiro wari ugifite. Ni yo mpamvu bashakishaga inzira zose ngo bamwice. Mu mubabaro mwinshi yapfiriye ku musaraba nk'umugizi wa nabi.

Ayo mashusho yanze kumuva mu mutwe. Yumvaga agomba kuvuga. Ni ko gufata inzira hamwe n'inshuti ye Klewofasi berekeza Emawusi, urusisiro rwari hafi y'i Yeruzalemu. Yavugaga akari ku mutima we. Ni uko umuntu batazi arabegera bakorana urugendo. Ababaza ibyo bavugaga n'iby'abereye i Yeruzalemu. Mu kwiheba kwabo, ibyo yababajije byatumye barushaho gushavura. Ese uwo muntu koko ntacyo yari abizi ho? Ni uko batangira kumutekerereza iby'icyizere n'inzozi bari bafite ndetse n'ishavu batewe n'uko gutenguhwa. Uwo muntu yari abateze amatwi. Ni uko ahera ko atangira kubafasha kumva neza ibyari byabaye byose. Umutima wasubiye mu gitereko ndetse n'amaso yabo arafunguka. Imitima yabo yatangiye kugurumana mo ibyishimo. Ni uko bagera Emawusi. Bingingira uwo muntu kugumana na we. Ni uko amaso yabo arahumuka neza. Yari Yezu wari kumwe na bo mu rugendo, ahari nk'uwazutse. Ni uko ntibongera kumubona. Ako kanya barahaguruka basubira i Yeruzalemu, imitima yabo igurumana ibyishimo. Ni inkuru nziza batashoboraga kwihererana.

Hari urwandiko rwagombaga guhindurwa mu rundi rurimi. Twari dusigaranye amasaha abiri gusa. Nta muhate twari tugifite na mba. Umunsi wose twari twiriwe dukora uwo murimo. Uko umurimo watworoheraga tukiwutangira byari byamaze gukendera muri twe. Ni uko duteka ikawa twemeranywa kuguma mu bwumvikane no mu rukundo umwe ku wundi. Twahereye ko dukomeza umurimo. Byagenze neza cyane. Yezu wari kumwe natwe atagaragara, yaduhaye imbaraga, ibyishimo n'ukwihangana. Ni ngombwa kuba hamwe na we: **Gumana na Yezu mu rugendo!** – **Keep Jesus on board.**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker